ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 28 Nyakanga 2021

Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Kanama 2021

1. Incamake

Mu kwezi kwa Kanama 2021, mu Rwanda hateganyijwe ibihe by'ubushyuhe bizarangwa n'izuba ryinganje ku masaha y'amanywa. Ingano y'ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe iri hagati ya dogere celisiyusi (°C) 20 na 30. Ubushyuhe buri hagati ya 28°C na 30°C ni bwo bwinshi buteganyijwe henshi mu mujyi wa Kigali, mu ntara y'Iburasirazuba,mu gice cy'Amayaga no mu burengerazuba bw'akarere ka Rusizi ko mu ntara y'Iburengerazuba. Imvura nke cyane iri hagati ya milimetero 0 na 10 niyo iteganyijwe muri Kanama. Hateganyijwe umuyaga uringaniye ushyira umuyaga mwinshi uri hagati ya 4m/s na 12m/s.

2. Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe

Mu kwezi kwa Kanama 2021, mu gihugu hateganyijwe ibihe bishyushye bizarangwa n'izuba ryiganje mu masaha y'umunsi. Ubushyuhe buteganyijwe buzaba buri ku kigero cy'ubushyuhe busanzwe buboneka mu kwezi kwa Kanama. Ubusanzwe mu kwezi kwa Kanama, ubushyuhe bwo hejuru buba buri hagati ya 22°C na 30°C. Ubushyuhe bwinshi buri hagati ya 28°C na 30°C buteganyijwe mu kibaya cya Bugarama gihereye mu karere ka Rusizi, mu burasirazuba bw'uturere twa Gisagara, Nyanza, Ruhango na Kamonyi mu ntara y'Amajyepfo, henshi mu mujyi wa Kigali, mu turere twa Bugesera na Ngoma no mu burasirazuba bw'uturere twa Kayonza, Gatsibo na Nyagatare mu ntara y'Iburasirazuba. Ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya 20°C and 22°C buteganyijwe mu majyaruguru y'uturere twa Burera na Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru, mu burasirazuba bw'uturere twa Rubavu, Rutsiro no mu burengerazuba bw'uturere twa Ngororero, Nyabihu mu ntara y'Iburengerazuba, mu burengerazuba bw'uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe mu ntara y'Amajyepfo.

3. Imvura iteganyijwe

Imvura iri munsi ya milimetero (mm) 10 niyo iteganyijwe mu gihugu mu kwezi kwa Kanama 2021 ikaba iri munsi y'imvura isanzwe igwa muri Kanama iri hagati ya milimetero 5 na 50. Imvura nke iteganyijwe ikazagwa mu mpera z'ukwezi. Ibice by'amajyaruguru y'uturere twa Rubavu, Nyabihu na Musanze bihereye muri Parike y'Ibirunga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 5 ni 10, naho ahasigaye hose mu gihugu hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 ne 5.

4. Umuvuduko w'umuyaga uteganyijwe

Mu kwezi kwa Kanama 2021, umuyaga ufite umuvuduko uri hagati ya 4m/s na 12m/s niwo uteganyijwe mu gihugu. Umuyaga uri hagati ya 8m/s na 12m/s ni umyaga mwinshi muri rusange ariko muri iki gihe cy'impeshyi ingaruka zawo ziba ari nke cyane. Nkuko bigaragara ku ikarita y'umuyaga uteganyijwe, umuyaga mwinshi uri hagati ya 8m/s na 12m/s uteganyijwe henshi mu ntara y'Iburengerazuba. Umuyaga uringaniye uri hagati ya 6m/s na 8m/s uteganyijwe henshi mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kirehe na Kayonza two mu ntara y'Iburasirazuba, mu ntara y'Amajyepfo mu turere twa Nyamagabe, Nyaruguru, Huye na Gisagara no mu burengerazuba bw'uturere twa Nyanza na Ruhango no mu ntara y'Amajyaruguru mu turere twa Gicumbi, Rulindo na Burera.

Amakarita akurikira ku mugereka aragaragaza birambuye ingano y'imvura, ubushyuhe n'umuvuduko w'umuyaga biteganyijwe muri buri Karere.